


AMASEZERANO MPUZAMAHANGA KU BURENGANZIRA BW'UMWANA

IMFASHANYIGISHO KU BURENGANZIRA BW'UMWANA



FAMILY CARE FOR CHILDREN (FCC) NI IKI?

Ni umuryango Nyarwanda udaharanira inyungu ufite inshingano zo kurengera abana, kubakira ubushobozi urubyiruko no guteza imbere imiryango itishoboye. Ni umuryango utari uwa leta, wanditswe n'ikigo cy'igihugu gishinzwe imiyoborere ufite icyemezo cy' ubuzimagatozi numero: 652 / RGB / ONG / LP: 09/2020.

Umuryango FCC washinzwe mu 2017, mu Murenge wa Kiramuruzi, mu Karere ka Gatsibo; aho watangijwe nitsinda ry'abana n'urubyiruko bari bibumbiye mwitsinda ryitwaga **“Darling Club”** guhera mu mwaka wa 2011 aho bahabwaga amahugurwa n'imiryango itandukanye mpuzamahanga n'iyi mu gihugu ikora ku bijyanye n'uburenganzira bw'abana no kubarengera mu karere ka Gatsibo. Bakaba bari bafite intego yo gukangurira abana n'urubyiruko kugaragaza no kuvuga ibibazo bibangamiye uburenganzira n'iterambere ryabo binyuze mu ndirimbo, imbyino, ikinamico, ibiganiro mpaka no mu bukangurambaga bwabaturage.

Icyerekezo: Kugira imibereho myiza y'umwana mu muryango wubahiriza uburenganzira bwe.

Intego: Kurinda abana ihohoterwa iryo ariryo ryose no guteza imbere urubyiruko n'imiryango itishoboye kurusha indi.

UBUFATANYE NA PLAN INTERNATIONAL RWANDA

FCC Rwanda ifite ubufatanye n'imikoranire n'Umuryango mpuzamahanga PLAN INTERNATIONAL mu mushinga ugamije guteza imbere kurengera abana binyuze mu muryango kandi babigizemo uruhare hagamijwe impinduka nziza. (SPAD/FY25/PFV/2076); ubunyujije mu:

- Guhugura abana n'ababyeyi ku kurengera abana, uburenganzira n'inshingano zabo
- Gufasha abana n'imiryango itishoboye binyuze mu matsinda yo kuzigama no kugurizanya
- Ubukangurambaga ku kurengera umwana
- Ubuvugizi mu buyobozi ku bibazo bikibangamiye abana

**AKA GATABO MWAGATEGURIWE
N'UMURYANGO FCC RWANDA KU BUFATANYE
NA PLAN INTERNATIONAL RWANDA**

**AKA GATABO GAKUBIYEMO INGINGO
Z'AMASEZERANO Y'UMURYANGO
W'ABIBUMBYE KU BURENGANZIRA
BW'UMWANA**

AKA GATABO GATANGIRWA UBUNTU

INTANGIRIRO

Uburenganzira bw'umwana ni ikintu buri mwana wese agomba guhabwa cyangwa ashobora gukora.

Abana bose bafite uburenganzira bungana. Ubwo burenganzira buteganywa n'amasezerano y'umuryango w'abibumbye ku burenganzira bw'umwana.

Ibihugu hafi ya byose byamaze kwemera aya masezerano. Uburenganzira bwose ni uruhererekane, kandi bwose bufite agaciro kangana.

Tugomba gutekereza uburenganzira bw'umwana nk'ikintu icyo aricyo cyose kigamije inyungu y'umwana, kirengera ubuzima bwe, kikanamurinda icyamuhungabanya. Uko umuntu akura, agira ubushobozi busesuye bwo kurengera uburenganzira bwe bwite.

INGINGO YA 1

Buri muntu wese utagejeje ku myaka 18 y'ubukure afite ubu burenganzira.

INGINGO YA 2

Abana bose bafite uburenganzira, abo baba aribo bose, aho baba batuye hose, icyo ababyeyi babo baba bakora cyose, ururimi urwo ari rwo rwose baba bavuga, idini ryose baba babarizwamo, baba ari abahungu cyangwa abakobwa, umuco uwo ari wo wose baba bafite, baba bafite ubumuga, baba ari abakene cyangwa abakire, nta mwana ugomba kubangamirwa ni ikintu icyo ari cyo cyose n'aho cyaba giherereye hose.

INGINGO YA 3

Abantu bakuru bagomba gukorera umwana ibyiza gusa. Igihe ari abantu bakuru bafata ibyemezo, bagomba gutekereza ku ngaruka bishobora kugira ku bana.



INGINGO YA 4

Leta ifite inshingano zo kubahiriza, kurengera no gukora ibishoboka byose ngo uburenganzira bw'umwana bugarurweho. Igomba gufasha umuryango we kurengera uburenganzira bwe ndetse no kugira ahantu hamufasha gukurira ategura ejo hazaza heza.

INGINGO YA 5

Umuryango w'umwana ufite inshingano zo kumufasha kubungabunga uburenganzira bwe no kwiringira neza uko uburenganzira bwe bwubahirizwa.

INGINGO YA 6

Umwana afite uburenganzira bwo kubaho.

INGINGO YA 7

Umwana afite uburenganzira bwo kugira izina, kandi rikemerwa na leta. Afite kandi uburenganzira bwo kugira ubwenegihugu (igihugu abarizwamo).



INGINGO YA 8

Umwana afite uburenganzira bwo kugira ibimuranga, herekanwa byemewe n'amategeko uwo ari we. Nta muntu wemerewe kubimwambura.

INGINGO YA 9

Umwana afite uburenganzira bwo kugumana n'ababyeyi be bakabana, keretse gusa igihe cyose byamuhungabanya, bimubereye bibi. Afite uburenganzira bwo kubana n'umuryango umwitaho.

INGINGO YA 10

Niba umwana atuye mu gihugu gitandukanye n'icyo ababyeyi be batuyemo, afite uburenganzira bwo guhuzwa n'ababyeyi be bakabana ahantu hamwe.

INGINGO YA 11

Umwana afite uburenganzira bwo kurindwa gushimutwa, gutwarwa ahandi hantu hakoreshejwe ingufu, no gukurwa aho ari hakoreshejwe ikiguzi icyo ari cyo cyose.



INGINGO YA 12

Umwana afite uburenganzira bwo gutanga igitekerezo cye, kandi abantu bakuru bakamwumva ndetse bagaha agaciro igitekerezo cye.

INGINGO YA 13


Umwana afite uburenganzira bwo kumenya ibintu no kubigeza cyangwa kubibwira abandi hakoreshejwe imvugo, ibiganiro, inyandiko, ibishushanyo cyangwa akoresheje ubundi buryo ubwo ari bwo bwose. Keretse gusa igihe bibangamira abandi bantu.

INGINGO YA 14

Umwana afite uburenganzira ku idini n'imyemerere ashatse, ababyeyi be bagomba kumufasha guhitamo icyiza, ikibi ndetse n'ikimunogeye.

INGINGO YA 15

Umwana afite uburenganzira bwo guhitamo inshuti ze bwite ndetse no kuja cyangwa gushyiraho amatsinda ahuriramo n'abandi mu gihe bitagize uwo bibangamira.



INGINGO YA 16

Umwana afite uburenganzira bwo kutavogerwa.

INGINGO YA 17

Umwana afite uburenganzira bwo guhabwa amakuru yamugirira akamaro mu mibereho myiza ye, ayakuye kuri radiyo, mu bin-yamakuru byanditse , mu bitabo, kuri za mudasobwa n'ahandi hose haboneka amakuru. Abantu bakuru bagomba kumenya no kwiringira ko amakuru umwana bona atamuhungabanaya. Bagomba gufasha umwana kubona no gusobanukirwa neza amakuru akaneye.

INGINGO YA 18

Umwana afite uburenganzira bwo kurerwa n'ababyeyi be mu gihe cyose bishobotse.

INGINGO YA 19

Umwana afite uburenganzira bwo kurindwa kubabara no gufat-wa nabi haba ku mubiri cyangwa mu bitekerezo.



INGINGO YA 20

Umwana afite uburenganzira bwo kwitabwaho no gufashwa by'umwihariko iyo bidashoboka ko abana n'ababyeyi be.

INGINGO YA 21


Umwana afite uburenganzira bwo kwitabwaho no kurindwaigihe yakiriwe mu muryango cyangwa mu kigo cyakira abana.

INGINGO YA 22

Umwana afite uburenganzira bwo kurindwa no gufashwa by'umwihariko igihe ari impunzi (yarahunze igihugu cy'e cy'amavuko akajya mu kindi gihugu) ndetse afite n'ubundi burenganzira bwose buri muri aya masezerano.

INGINGO YA 23

Umwana afite uburenganzira ku burezi no kwitabwaho bidasanzwe niba afite ubumuga. Afite kandi n'ubundi burenganzira bwose bukubiye muri aya masezerano.



INGINGO YA 24


Umwana afite uburenganzira ku buvuzi bwiza bushobotse, amazi meza yo kunywa, ibyo kurya bifite intungamubiri, ibiduki-kije bibungabunzwe, ndetse no ku makuru yamufasha kubaho neza.

INGINGO YA 25

Igihe umwana aba mu kigo runaka cyangwa ahandi hantuhose hatari iwabo mu rugo, afite uburenganzira bwo kuhagirira imibereho myiza, kandi hagomba kubaho uburyo imibereho ye ikurikiranwa.

INGINGO YA 26

Umwana afite uburenganzira ku bufasha bwa leta igihe ari umukene cyangwa atishoboye no mu gihe cyose akeneye ubufasha.



INGINGO YA 27

Umwana afite uburenganzira ku byo kurya, imyambaro, aho kuba hatekanye no kubona ibyangombwa nkenerwa by'ibanze. Ntagomba kubura nk'ibyo abandi bana babona.

INGINGO YA 28

Umwana afite uburenganzira ku burezi bwiza. Agomba gushi-shikarizwa kwiga akagera ku rwego rwo hejuru rushoboka ko yageraho.

INGINGO YA 29

Uburezi bw'umwana bugomba kumufasha gukoresha no guteza imbere impano n'ubushobozi bye. Bugomba kandi kumufasha kwiga kubaho mu mahoro, kurengera ibidukikije no kubaha abandi bantu.

INGINGO YA 30

Umwana afite uburenganzira ku muco, ururimi n'idini bye cyangwa ikindi kintu ahisemo.



INGINGO YA 31

Umwana afite uburenganzira bwo gukina no kuruhuka.

INGINGO YA 32

Umwana afite uburenganzira bwo kurindwa imirimo imwangiza kandi mibi ku buzima n'uburezi bye. Igihe akora agomba kugira umutekano kandi agahembwa neza.

INGINGO YA 33

Umwana afite uburenganzira ku kurindwa ibiyobyabwenge ndetse n'ubucuruzi bwabyo.

INGINGO YA 34

Umwana afite uburenganzira bwo kurindwa ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina.

INGINGO YA 35

Nta muntu wemerewe gushimuta umwana kubera inyungu runaka ze cyangwa ngo amugurishe.



INGINGO YA 36


Umwana afite uburenganzira ku kurindwa umurimo umuhohoterera uwo ari wo wose hagenderewe inyungu runaka iyo ari yo yose y'undi muntu.

INGINGO YA 37

Nta muntu wemerewe guhana birenze cyangwa bishobora kwangiza umwana.

INGINGO YA 38

Umwana afite uburenganzira ku kurindwa no kugira umu-dendezo nta ntambara. Abana bafite imyaka iri muni ya 15 y' amavuko, ntibagomba kwinjizwa mu gisirikare cyangwa kugira uruhare mu ntambara.



INGINGO YA 39

Umwana afite uburenganzira bwo gufashwa by'umwihariko mu gihe afite uburibwe, ataritaweho, yarahohotewe cyangwa yafashwe nabi.

INGINGO YA 40

Umwana afite uburenganzira ku bufasha bw'amategeko no gufatwa uko bikwiye mu butabera bwubahiriza uburenganzira bwe.

INGINGO YA 41

Igihe amategeko yo mu gihugu cy'e abungabunga neza uburenganzira bwe kurusha izi ngingo zo muri aya masezerano, ayo mategeko agomba gukurikizwa.

INGINGO YA 42

Umwana afite uburenganzira bwo kumenya uburenganzira bwe. Abantu bakuru bagomba kumenya ubu burenganzira kandi bagafasha umwana kubumenya nawe.



INGINGO YA 43 kugeza 54

Izi ngingo z'aya masezerano zisobanura uburyo leta n'imiryango mpuzamahanga nka UNICEF bizakora mu rwego rwo kubungabunga abana n'uburenganzira bwabo.



**DUHARANIRE ITERAMBERE
RY'UBURENGANZIRA BW'UMWANA**



